

Inkoranya y'Ikinyarwanda –Icyongereza n'Igishinwa

KINYARWANDA-ENGLISH-CHINESE

DICTIONARY

卢旺达语 – 英语 – 汉语词典

Authors:

作者:

Yanzigiye Béatrice

Kong Lingyuan (孔令远)

Niyomugabo Cyprien

Zeng Guangyu (曾广煜)



中国文化出版社

Inkoranya y'Ikinyarwanda –Icyongereza n'Igishinwa

KINYARWANDA-ENGLISH-CHINESE

DICTIONARY

卢旺达语 – 英语 – 汉语词典

Authors:

作者：

Yanzigiye Béatrice

Kong Lingyuan (孔令远)

Niyomugabo Cyprien

Zeng Guangyu (曾广煜)

www.nihaoafrica.org

jx.nihaoafrica.org



中国文化出版社



中国文化出版社

图书在版编目（CIP）数据

卢旺达语—英语—汉语词典/Yanzigiye Béatrice Kong Lingyuan (孔令远)

Niyomugabo Cyprien Zeng Guangyu (曾广煜) 主编.

—中国文化出版社, 2012.08

ISBN 978-988-79163-8-3/Z.1139

I. 卢… II. ①Y…②K…③N…④Z…III. 外语学习. 词典与工具书

—中国—当代 IV.2457

中国文化出版社 CIP 数据核字 (2012) 第 20120314 号

卢 旺 达 语 — 英 语 — 汉 语 词 典

主 编: Yanzigiye Béatrice Kong Lingyuan (孔令远)

Niyomugabo Cyprien Zeng Guangyu (曾广煜)

出 版: 中国文化出版社

网 址: <http://www.zgwh.cn>

总 编 审: 中国文化出版社国内编审处

地 址: 北京市丰台区太平桥中路威尔夏大道 3C

责 任 编辑: 徐传洲

装 帧 设计: 四川省天隆文化传播有限公司

印 刷: 中国文化出版社印刷厂

开 本: 787×1092mm 1/16

字 数: 300 千字

印 张: 21

印 数: 1-1000 册

版 次: 2012 年 12 月第 1 版 第 1 次印刷

书 号: ISBN 978-988-79163-8-3/Z.1139

定 价: 人民币: 100 元, RWF: 10000, USD: 18

版 权 所 有 · 侵 权 必 究

Inkoranya y'Ikinyarwanda – Icyongereza n'Igishinwa

KINYARWANDA-ENGLISH-CHINESE

DICTIONARY

卢旺达语-英语-汉语词典

Authors:

作者：

Yanzigiyе Béatrice

Kong Lingyuan (孔令远)

Niyomugabo Cyprien

Zeng Guangyu (曾广煜)

Authors

Uburenganzira bwose burakomye. Nk'uko biteganywa n'amategeko, birabujije we kwandukura ibiri muri iyi nkoranya, kuyihindura, kuyitubura cyangwa kuyifotora utabiherewe uburenganzira n'abanditsi.

All rights reserved. No part of this dictionary may be reproduced, stored in a retrieval system or transmitted in any form or by any means electronic, mechanical, photocopying, recording or otherwise without the prior written permission of the authors.

COMPILERS

▼ **Béatrice Yanzigiye** has a PhD in Comparative Literature & a PGCLTHE. Her research areas are Comparative Literature , Gender and Semiotics. She is an author of many scientific articles. She is a Lecturer at Kigali Institute of Education where she is , at the same time , the Director of Confucius Institute of Kigali Institute of Education (CIKIE) .

▼ **Kong Lingyuan** is a PhD holder in archaeology and museology. He is a professor of Anthropology and archaeology. He is a researcher who carried out many studies in archeology and culture. He has been a professor in many universities. Currently he is the Chinese Director of Confucius Institute of Kigali Institute of Education (CIKIE) .

▼ **Cyprien Niyomugabo** is a Lecturer and Researcher in Linguistics and Language Science. He has a PhD in Linguistic Science and Humanities & a PGCLTHE. His research areas are language anthropology , language teaching , lexicography and glottopolitics. He is an author of many bilingual Dictionaries and other teaching materials. Currently , he is the Head of Department of Languages and Linguistics at Kigali Institute of Education.

▼ **Zeng Guangyu** is a lecturer with a masters degree. His research areas are linguistics and applied linguistics , teaching Chinese as a second language. He had worked as a Chinese language teacher in Confucius Institute of Kigali Institute of Education for three and a half year.

FOREWORD

This dictionary is one of the tangible fruits resulting from an agreement between the Office of the Chinese Language Council International (Hanban) and Kigali Institute of Education (KIE) that was signed on 23/3/2007 for the establishment of Confucius Institute at Kigali Institute of Education (CIKIE) and an implementation agreement on CIKIE signed between KIE and Chongqing Normal University, China on 30/1/2008. The major thrust of the agreements is the organization of Chinese language and culture, provision of reference materials and training of Chinese language teachers amongst many other things. At the outset, the implementing institutions of CIKIE, which is KIE and Chongqing Normal University, underlined the importance of Rwanda culture if Chinese language was to take a foothold in the country. This was informed by the fundamental principle of the confluence of cultures. Any person learning another foreign language or culture has an own identity that cannot be ignored for it grounds the foreign language and culture. It is this context that has also informed the writing of this dictionary.

This dictionary I dare say is an effort at responding to the CIKIE mandate. It is a first and the authors have fundamentally broken new grounds in an effort to actualize the principle that culture is a fundamental tool for development. Language learning that is not grounded in culture is slavish but by perusing through the dictionary, one gets the feeling of a daring and courageous effort at democratic enculturation. The authors who are academics from the partnering institutions have used their years of experience in teaching, knowle and expertise in writing this dictionary and I am sure it will prove an invaluable source of reference for students and any general reader who is interested in both Chinese and Rwandan culture and language and has a mediating competency and proficiency of English. The dictionary has many basic entries that are also coupled with examples and comments that help the user to learn more in a concise and precise manner.

**Professor George K. Njoroge (PhD)
Rector , Kigali Institute of Education Rwanda**

序 言

国家汉办与基加利教育学院于 2007 年 3 月 23 日签署备忘录同意合作建立基加利教育学院孔子学院，后由重庆师范大学与基加利教育学院于 2008 年 1 月 31 日签署执行协议，至此，基加利教育学院孔子学院正式运行。这本词典便是合作的结晶。双方合作的主要内容是汉语及中国文化相关事宜，同时提供教学材料、培训汉语师资。基加利教育学院孔子学院在介绍推广中国语言文化的同时十分重视卢旺达本土文化，这也是文化交流的基本原则。任何人在学习一门外语和外国文化的同时都不能忘了自身的文化特性。这也是我们为什么要编写这样一本词典的初衷。

我相信这本词典是基加利教育学院孔子学院努力工作的结晶。它的作者们首次从根本上证明了文化是发展的基础这一基本道理。脱离文化的语言学习是不存在的，但通过研读这本词典，我们可以在民主教化下感受勇气与开拓。这本词典的作者来自基加利教育学院孔子学院合作双方院校的教师，他们有着丰富的教学经验和专业知识。我相信它是一本具有高度价值的词典，对学习中国及卢旺达语言文化的学生以及普通读者都有不可估量的作用，同时也有助于提高阅读者的英语水平。这本词典收录了大量基本词条，并且附有释义和例句，能帮助读者精确理解。

乔治 · K · 恩乔罗杰教授
卢旺达基加利教育学院院长

GUTURA

Iyi nkoranya tuyituye abaharanira ubufatanye n'ubwuzuzanye bw'abatuye isi n'imico yabo.

Abanditsi

UMWINJIZO

Nk'uko inyito ubwayo ibyirangira iyi ni inkoranya y'Ikinyarwanda – Icyongereza – Igishinwa. Gusa uburyo ubwanditsi bwayo bwagenze kuva ku itara ry'amagambo kugeza atanagwa mu buryo bw'iyandikankoranya byakozwe mu rurimi rw'ikinyarwanda mu gihe igishinwa n'icyongereza byo byagiye bishakwamo amagambo y'ihwanisha. Kwandika inkoranya nk'iyi bisaba ubuhanga, ubushishozi, umurava n'ubwitange bidasanzwe. Inkoranya nk'iyi ihuza ikinyarwanda n'izindi ndimi mvamahanga (aha turibanda ku gishinwa) ije ikurikira izayibanjirije zahuje ikinyarwanda n'igifaransa (reba Padiri Irénée Jacob, 1987), ikinyarwanda n'icyongereza (reba Niyomugabo C. , 2008) n'iy'ikinyarwanda n'igiswayire (reba Niyomugabo C. , 2010) . Tukaba twumva rero kwandika inkoranya nk'iyi ari uburyo bwiza bwo gukungahaza ikinyarwanda no gutuma abavuga izi ndimi zombi, ni ukuvuga ikinyarwanda n'igishinwa, bisanzuranaho mu buryo busesuye.

Inkomoko y'igitekerezo shingiro cy'iyi nkoranya

Iyi nkoranya twatangiye kuyitekereza mu mwaka wa 2008 ; ubwo Ikigo Confucius (CIKIE) cyafunguraga imiryango yacyo mu Ishuri Rikuru Nderabarezi ry'i Kigali. Iyi CIKIE mu nshingano zayo nyinshi harimo iz'ibanze zo kwigisha umuco n'ururimi rw'igishinwa abavuga ururimi rw'ikinyarwanda ; no kumenyekanisha ururimi n'umuco by'ikinyarwanda ku Bashinwa. Ibyo rero ntibyagerwaho hatabayeho imfashanyigisho zabugenewe nk'inkoranya kugira ngo izo gahunda zose z'isangiramico zishoboke mu buryo bufatika.

Abazisanzura kuri iyi nkoranya

Kuba iyi nkoranya ari iy'ururimi shingiro igenewe abantu bose bazi n'abatazi indimi z'ikinyarwanda n'igishinwa. N'ubwo ari uku bimeze, twebwe turifuza rwose ko iyi nkoranya yafasha mu buryo bw'umwihariko abiga n'abashaka kugira ubumenyi bunyuranye mu ndimi z'ikinyarwanda n'igishinwa. Izaba intandaro yo gutuma abagize umuryango nyarurimi w'ikinyarwanda banyuranye, uhereye ku b'ibanze ari bo Abanyarwanda, bakeneka indimi z'igishinwa n'ikinyarwanda, bityo bakaba ba mvugebyiri, ni ukuvuga ikinyarwanda n'igishimwa, mu buryo busesesuye.

Ibijyanye n'iyandikankoranya ubwabyo Itara ry'amagambo

Amagambo ari muri iyi mbumbankoranya ni ayo mu kinyarwanda n'igishinwa gikwira ni ukuvuga mbonera. Ni amagambo yo mu buzima busanzwe bwa buri mu nsi aha uyikoresha ubushobozzi bwo kugira ururimi rwo kwirwanaho mu gihe yakenera kwiga amagambo yamufasha gukora akazi akoresheje igishinwa cyangwa ashaka kwisanzura ku rurimi n'umuco by'ikinyarwanda n'igishinwa.

Itondeka ry'amagambo n'iyinjiza ry'imboni muri iyi nkoranya

Iyi nkoranya itondetse mu buryo inyuguti zikurikiranye uhereye ku ya mbere **A** ukageza ku ihera ariyo **Z**. Kimwe mu bigaragaza umwimerere w'iyi nkoranya ni uko ari iya mbere ibonetse yan-ditse mu buryo uwo ari we wese ayisanzuraho. Ni ukuvuga ko ijambo ryinjijwe mu nkoranya uko rit-eye; aho ndetse n'inshinga zinjirijwe ku mbundo uko yandikwa, ni ukuvuga uhereye kuri ku-cy-angwa gu-. Mwese rero basomyi, iyi nkoranya muzayisanzuraho kahave. Mu iyandika ry'iyi nkoranya, ijambo ry'imboni rikurikiwe n'ubwoko bw'ijambo, hagakurikiraho inyito yaryo n'ingero; nyuma yaho hakaza impuzanyito iyo bibaye ngombwa.

Ikibonezamvugo

Incamake ikurikira y'ikibonezamvugo cy'ikinyarwanda izagirira akamaro abazakoresha iyi nkoranya.

Inteko z'amazina

Muri iyi nkoranya hagaragazwa gusa ijambo riri mu bumwe urug: **umugenzi tukaba tuzi ko ub-winshi ari abagenzi, umugati - imigati** n'izindi. Dore inteko z'amazina mu kinyarwanda: - **mu-**; - **ba-**; - **mu-**; - **mi-**; - **ri-**; - **ma-**; - **ki-**; - **bi-**; - **n-**; - **n-**; - **ru-**; - **ka-**; - **tu-**; - **bu-**; - **ku-**; - **ha-**.

Inshinga

Uburyo inshinga zigaragazwa mu nkoranya:

Nk'uko byavuzwe, iyi nkoranya rwose bivoroshye kuyikoresha. Ibyo bikagaragazwa n'uburyo inshinga zagiye zimurikwa muri iyi nkoranya. Koko rero, muri iyi nkoranya inshinga zandikwa nk'uko zandikwa iyo ziri mu mbundo. Ingero: **kugenda, guhinga, kwiga, kwerekana, koga, kwanga**.

Itondagura (reba ibitabo byihariye ku itondaguranshinga)

Indagihe: -ra-: Umuhinzi arakora vuba cyane

Impitagihe: -a- ra-: Abahinzi barakoze cyane ejo

Inzagahihe: -za-: Abahinzi bazakora cyane ejo hazaza

Inshinga zituruka ku ikomoranshinga mvanshinga

Ingereka

Nk'uko bigaragara, muri iyi nkoranya, inshinga zikomoka ku ikomora ntizishyirwamo kuko zi-boneka hakoreshejwe ingereka zikurikira: -an-; -ik-; -uk-; -ir-; -y-; -ish-; -w-; -ur-; n'izindi

Ingereka zijya inyuma y'umuzi. Ingereka ni nyinshi cyane mu kinyarwanda, ariko izikoreshwa cyane ni izi zikurikira;

Ingereka ngirira: -ir-

Urugero: guhingira, kuvugira.

Ingereka ngirisha: -ish-

Urugero: guhingisha, kuvugisha.

Ingereka ngirika: -ik-

Urugero: guhingika, kuvugika.

Ingereka ngirwa: -w-

Urugero: guhingwa, kuvugwa.

Ingerekā ngirura: -ur-

Urugero: guhingura.

Ingerekā ngirana: -an-

Urugero: guhingana, kuvugana.

Nterā n'ibinyazina

Muri iyi nkoranya, nterā n'ibinyazina bigaragarizwa mu nteko ya 7. urug: **kibi**; **kiriya**. Iyi ki-ishobora guhinduka cy-: cyiza (**ki-iza**); cyo (**ki-o**) bitewe n'amategeko y'ikibonezamvugo n'imyandikire.

Imivugirwe y'ikinyarwanda

● Inshoza y'ubutinde bw'inyajwi

Iyo tuvuga, tugenda dutinda cyangwa tubanguka ku nyajwi zigize amagambo. Uko **gutinda no kubanguka** by'inyajwi zigize amagambo ni byo bita **ubutinde bw'inyajwi**. Ubutinde bw'inyajwi bush-obora gutandukanya ijambo n'irindi. Inyajwi y'umugeno uyu na yo ishobora rero kuba inimbitse cyangwa se ibanguka. Mu kugaragaza ubutinde, inyajwi ibanguka yandikwa rimwe, naho itinda ikandikwa kabiri. Urg: **aa, ee, ii, oo, uu**.

■ Reka tubishushanye

Inyajwi ibanguka

/a/

/e /

/i /

/o /

/u/

Inyajwi itinda

/aa/

/ee/

/ii/

/oo/

/uu/

Ingero z'amagambo atandukanyijwe n'ubutinde

- gutaka / gutaaka**
- urutoki / urutooki**
- gusiba / gusiiba**
- kuvura / kuvuura**
- gusaba / gusaaba**
- gusesa / guseesa**

● Inshoza y'amasaku

Dufashe amagambo (1) **inda** (igice cy'umubiri w'umuntu) na (2) **inda** (ubwoko bw'agasimba), usanga aya magambo adandukanyijwe nuko rimwe rifite imigemo irimo inyajwi zivuganwa ijwi riri hejuru, irindi rikaba rifite imigemo irimo inyajwi zivugwa ijwi riri hasi. Ayo majwi yo hejuru no hasi ashirwa ku nyajwi bayita **amasaku**. Ni yo mpamvu tuzagira (1) inda na (2) indâ. Si ubutinde rero buyatandukanya ahubwo ni amasaku.

Inshoza y'isaku nyesi n'isaku nyejuru :

Mu Kinyarwanda rero habaho amoko abiri y'ingenzi yamasaku ari yo isaku **nyesi** n'isaku **nyejuru**. Aya ni amasaku magufi.

● **Isaku** ni ikimenyetso kitari inyajwi ntikibe n'ingombajwi, gishyirwa ku nyajwi kikerakana ubujyejuru cyangwaubujyesi bwayo.

● Habaho **isaku nyejuru** n'isaku **nyesi**.

yo inyajwi ivugiwe hejuru, iba ifite **isaku nyejuru**. Iryo saku rigaragazwa n'agatemeri gashyirwa hejuru y'iyo nyajwi.

Ingero: urubwâ (ikibwa kinini), inô (aho uvuga ari), indâ (udusimba). Iyo inyajwi ivugiwe hasi, iba ifite **isaku nyesi**. Isaku nyesi nta kimenyetso cyihariye kirigragaza. Inyajwi ifite isaku nyesi yandikwa uko bisanzwe. Ibi tubikora twubahiriza ihame ryo mu ndimi ryo **kuzigama** mu ikoresha ry'ibimenyetso. Mu bitabo byo hambere, inyuguti ziriho iri saku bazandikaga gutya: à, è, ì, ò, ùariko ubu **nia**, **e**, **i**, **o**, **u**.

Amasaku y'inyunge

Tuyita amasaku y'inyunge iyo tuyagereranije n'amasaku magufi.

Isaku njyesi n'isaku **nyejuru**

Inshoza y'isaku njyesi n'isaku **nyejuru**:

3 **Isaku njyesi** (**urwunge nyejuru–nyesi**) ni isaku rivugwa riturutse ku rwego rwo hejuru, rikanyerera rigana mu rwego rwo hasi. Isaku njyesi ryandikishwa inyajwi ebyiri, inyajwi ya mbere ikaba ifite agasharu ndyomoso (^) kameze nk'agatemeri.

Ingero: abâana, abahîinzi, abôorozi, umwâaka

● **Isaku njyejuru** (**urwunge nyesi–nyejuru**) ni isaku rivugwa riturutse ku rwego rwo hasi, rikanyerera rigana mu rwego rwo hejuru. Isaku njyejuru ryandikishwa inyajwi ebyiri, inyajwi ya kabiri ikaba ifite agasharu ndyomoso (^) kameze nk'agatemeri. Twibutse ko nta nteguza ibaho muri bene uru rwunge.

Ingero: umwaâami, abakoôbwa, abahuûngu, icyaâtsi

■ Dore imbonerahamwe y'inyajwi zigaragaza uko amasaku njyesi na njyejuru yandikwa.

| Isaku njyesi | Ingero | Isaku njyejuru | Ingero |
|---------------------|---------------------|-----------------------|------------------------|
| Áa | Umwâana, umwâaka | Aâ | Umwaâmi |
| Êe | Umwêeru | Eê | Umweêmbe |
| Îi | Ijîisho | Iî | Ubwiînshi |
| Ûo | Ubwôoba | Oô | umukoôbwa, ubwoônko |
| Ûu | Izûuba | uû | Ubwuûzu |

Ingero z'amatsinda amagambo abiri abiri, arimo isaku njyesi n'isaku njyejuru:

-2-Abana / umwami

-3-Abahinzi / abakobwa

-4-Abahungu / aborozi

-5-Umwaka / icyatsi Isaku nyesi ndende n'isaku nyejuru ndende

Inshoza y'amasaku nyesi ndende na nyejuru ndende

● Isaku nyesi ndende (urwunge nyesi-nyesi)

Ingero: umuuntu, umuraayi, intaama, kugeeenda.

Nk'uko bigaragara, uru rwunge rugaragazwa n'inyajwi ebyiri zifite isaku nyesi zikurikiranye. Biraboneka rero ko nta kimenyetso kiranga isaku dushyiraho.

● Isaku nyejuru ndende (urwunge nyejuru-nyejuru)

Ingero: abatâaje (baragawe), abatîze (baratsinzwe), isukââri.

Nk'uko bigaragara, isaku nyejuru rijya ku nyajwi zose uko ari ebyiri ziranga inyajwi itinda.

■ Dore imbonerahamwe y'inyajwi zigaragaza uko amasaku nyesi ndende na nyejuru ndende yandikwa.

| <u>Isaku nyesi ndende</u> | <u>Ingero</u> | <u>Isaku nyejuru ndende</u> | <u>Ingero</u> |
|---------------------------|--------------------|-----------------------------|--------------------------------|
| Aa | Umura <u>a</u> yi | ââ | Abata <u>â</u> aje |
| Ee | umuge <u>e</u> nzi | êê | Ibit <u>ê</u> ze (byaratawe) |
| Ii | Guti <u>i</u> nda | îî | Abat <u>î</u> ze |
| Oo | Ku <u>oo</u> ma | ôô | Abato <u>ô</u> ze |
| Uu | Um <u>u</u> untu | ûû | Abat <u>û</u> gariye |

Amajwi y'ikinyarwanda

Amajwi y'ikinyarwanda aroroshye kuyavuga ku buryo utavuga ikinyarwanda iyo asomye umwandiko w'ikinyarwanda bwa mbere abasha kuyavuga bimworoheye.

● Imbonerahamwe y'imivugirwe y'inyajwi

Inyajwi ni ijwi umuntu avuga umwuka ugahita mu musemo nta nkomyi, ni ukuvuga nta kiwuzitiye.

| Aho zivugirwa (um-wanya) ■ Uko zivugwa (urwego rw'iyatu) ▼ | Imbere (inya-rusenge) | | Hagati (impagata) | | | |
|---|--------------------------------|------------|----------------------------|------------|-----------|------------|
| | Ibangu-ka | Inim-bitse | ibangu-ka | inim-bitse | ibangu-ka | Inim-bitse |
| Urwego 1. Imfunge | [i] | [ii] | | | [u] | [uu] |
| Urwego 2. Impinayatu | [e] | [ee] | | | [o] | [oo] |
| Urwego 3. Inyatu | | | [a] | [aa] | | |

● Imbonerahamwe y'ingombajwi z'ikinyarwanda

Twongere twibutse ko **ingombajwi** ari ijwi rivugwa umwuka ubanje **kuzitirwa** bitewe n'umwanya cyangwa uburyo rivugwamo.

| Aho zivugirwa ■ (umwanya) | | Inyamunwa | | Inyesonga - shinya (iny- amenyo) | inyarusenge | | | Inyama- raka |
|--------------------------------|-------------------------------|-------------------------|----------------|--|-------------|--------|-------------|-----------------|
| Uko zivugwa (uburyo) ▼ | Inkoma - nyaminwa | Inya - mwinyo | | | | | | |
| Im- patu | Inyama- zuruinya- kanwa | [m] | [n] | [η] | imbere | hagati | inyuma | |
| | | [p], [v] cg[β] | | [t] [d] | | | [k] [g] | |
| Inku- byi | | [f] [v] | [s] [z] | | [J] | | | |
| Inkomeza (inta- komwa) | | | | [r] | [ſ] | [ſ] | | [h] |

● Imivugirwe y'inyerera : y, w

Inyerera usanga ari **inyinganjwi** zikaba n'**inyingangombajwi**. Ni ukuvuga ko ari ijwi riri **hagati** yo kuba inyajwi no kuba ingombajwi. Imivugirwe y'inyerera rero iri hagati y'iyinganjwi z'imfungé n'iyingombajwi zitwa inkubyi.

■ Iyo inyerera zifashwe nk'inyajwi

[y] ([j]) : Inyerera y'imbere nk'inyajwi [i]

[w] : Inyerera y'inyuma nk'inyajwi [u]

■ Iyo inyerera zifashwe nk'ingombajwi

[y] : Inyerera y'inyarusenge, ni ukuvuga ko ivugirwa mu rusenge rw'akanwank'ingombajwi zihavugirwa

[w] : Inyerera y'inyankanka, ni ukuvuga ko ivugirwa mu nkanka nk'ingombajwizihavugirwa
(/k/, /g/, /h/)

■ Dore imbonerahamwe ihuriza hamwe imyandikire y'ikinyarwanda

| Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo | Inyandiko isanzwe |
|----------------------|--------------------|-------------------|
| [m] [n] [η] | /m/ /n/ / η / | m n ny |
| [β] cg [b] [d] | /b/ /d/ /g/ | b d g |
| [g] | /p/ /t/ /k/ | p t k |
| [p] [t] [k] | /v/ /z/ /Z/ | v z j |
| [v] [z] [Z] | /f/ /s/ /ʃ/ | f s sh |
| [f] [s] [ſ] | /r/ /ř/ /h/ | r shy h |
| [r] [ſ] [h] | /y/ /w/ | y w |
| [y] cg [j] | | |

■ Dore imbonerahamwe y'ibihekane by'amajwi shingiro

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---------------------|-----------------------------------|----------------------------|
| mb nd ng | [mb] [nd] [ñg] | /mb/ /nd/ /ng/ |
| mp nt nk | [mph] [nth] [ñkh] | /mp/ /nt/ /nk/ |
| mv nz nj | [mv] [nz] [nZ] | /mv/ /nz/ /nZ / |
| mf ns nsh | [mf] [ns] [n ſ] | /mf/ /ns/ /n ſ / |
| pf ts c | [p ſ] [rtky] /t ſ / | /pf/ /ts/ /t ſ / |
| sy ry | [sky] [rgy] | |

■ Dore imbonerahamwe y'ibihekane by'ingombajwi n'inyerera /y/

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|--------------------|---|--------------------------|
| my nny | [m ñ] [n ñ] | /my/ /ny/ |
| by jy | [βgy] [gy] | /by/ /gy/ |
| py ty cy | [pky] [tky] [ky] cg cg [p ſ] [rtky] | /py/ /ty/ /ky/ |
| sy ry | [sky] [rgy] | /sy/ /ry/ |

■ Dore imbonerahamwe y'ibihekane by'ingombajwi n'inyerera /w/

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---------------------|---|----------------------------|
| mw nw nyw | [m ñ] [n ñw] [ñw] cg [n ñw] | /mw/ /nw/ /ñw / |
| bw dw gw | [bg] [dgw] [gw] | /bw/ /dw/ /gw/ |
| tw kw | [tkw] [kw] | /tw/ /kw/ |
| zw jw | [zgw] [Zgw] | /zw/ /Zw/ |
| fw sw shw | [fkh] [skw] [ſw] | / fw/ /sw/ /ʃw / |
| rw shyw hw | [rgw] [p ſkw] [hw] | /rw/ /ʃw / /hw/ |

■ Dore imbonerahamwe y'ibihekane by'urukurikirane rw'ingombajwi ebyirin'inyerera /y/

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|-----------------------|--------------------------------------|------------------------------|
| mby ndy njy | | |
| mpy nty ncy | [mbgy] [ndgy] [ñgy] | /mby/ /ndy/ /ngy/ |
| | [mpky] [ntgy] [ñky] | /mpy/ /nty/ /nky/ |
| | [mvgy] [nsky] [pfky] | /mvy/ /nsy/ /pfy / |
| mvy nsy pfy | | |

■ Dore imbonerahamwe y'ibihekane by'urukurikirane rw'ingombajwi ebyirin'inyerera /w/

| Inyandiko isanzwe | | | Inyandiko nyejwi | | | Inyandiko nyemvugo | | |
|-------------------|-----|------|------------------|----------|-----------|--------------------|-------|--------|
| mbw | ndw | ngw | [mbg] | [ndgw] | [ηgw] | /mbw/ | /ndw/ | /ngw/ |
| mpw | ntw | nkw | [mpk] | [ntkw] | [ηkw] | /mpw/ | /ntw/ | /nkw/ |
| mvw | nzw | njw | cg | | | /mvw/ | /nzw/ | /nZw/ |
| | nsw | nshw | [mp ηk] | [nzgw] | [nZgw] | | /nsw/ | /n ſw/ |
| | tsw | cw | | [nskw] | [n ſkw] | | /tsw/ | /t ſw/ |
| | | | | [tskw] | [p ſkw] | | | |

■ Dore imbonerahamwe y'ibihekane by'urukurikirane rw'ingombajwi imwen'inyerera ebyiri (G. N. N.)

| Inyandiko isanzwe | | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|-------------------|-----|------------------|--------------------|
| myw | byw | [η w] | /myw/ |
| | nyw | [bgygw] | /byw/ |
| | | [ηyw] | /nyw/ |

■ Dore imbonerahamwe y'ibihekane by'urukurikirane rw'ingombajwi ebyirin'inyerera ebyiri (G. G. N. N)

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|-------------------|------------------|--------------------|
| mbyw | [mbgygw] | /mbyw/ |

Impine zakoreshejwe

Impine z'ingenzi zakoreshejwe muri iyi nkoranya ni izi zikurikira :

Icy: icyungo

Imbus: imbusane

Impind: impindurantego

Impuz: impuzanyito

Inshob: inshoberane

Irang: irangamutima

Kzn: ikinyazina

Nt: ntera

Sh: inshinga

Umug: umugereka

Urug: urugero

Zn: izina

Tszn: itsinda ry'izina

Tssh: itsinda ry'ishinga

GUSHIMIRA

Turagira ngo tubanze dushimire abantu bose bakunda ururimi n'umuco by'ikinyarwanda n'igishinwa. Ntitwabona uko dushimira Ubuyobozi bw'Ishuri Rikuru Nderabarezi bwemeye guha ika-ze CIKIE, ariko by'umwihariko Umuyobozi waryo Mwarimu George K. Njoroge, ku bw'urugwiro yakirana ibitekerezo by'ubushakashatsi. Narame. Ishimwe rikomeye rigere kuri "Hanban" na Kaminuza ya "Chongqing Normal University" yo mu Bushinwa zitahwemye gushyigikira ubu bushakashatsi. Turashimira cyane abantu bemera ko akanyoni katagurutse katamenya iyo bweze. Koko rero iyi mbumbankoranya izafasha abatari bake guhahira mu Rwanda no mu Bushinwa. Turashimira cyane abandikankoranya zirebana n'ikinyarwanda aho bava bakagera. Aha turatekereza cyane E. Hurel, P. Schumacher, G. Van Overschelde, A. Coupez ariko cyane cyane I. Jacob hamwe n'itsinda ry'abandikankoranya ba IRST, n'umwandikankoranya C. Niyomugabo.

Turashimira abagize uruhare bose mu itunganywa ry'iyi nkoranya. Aha turatekereza E. Niyibizi, Meng Huanfen, Shice, Da Long, E. Yankurije na L. Nsengimana.

Mwese mwese tubashimiye umuganda mwaduhaye.

Inkoranya y'Ikinyarwanda – Icyongereza n'Igishinwa

KINYARWANDA-ENGLISH-CHINESE

DICTIONARY

Yanzigiyе Béatrice

Kong Lingyuan (孔令远)

Niyomugabo Cyprien

Zeng Guangyu (曾广煜)

Authors

Abanditsi

Uburenganzira bwose burakomye. Nk'uko biteganywa n'amategeko, birabujije kwandukura ibiri muri iyi nkoranya, kuyihindura, kuyitubura cyangwa kuyifotora utabiherewe uburenganzira n'abanditsi bayo.

All rights reserved. No part of this dictionary may be reproduced, stored in a retrieval system or transmitted in any form or by any means, be it electronic, mechanical, photocopying, recording or otherwise without the prior written permission of the authors.

DEDICATION

We dedicate this dictionary to all those who are involved in the cooperation and complementarity of the planet citizens and their cultures.

Authors

INTRODUCTION

As highlighted in the title of the dictionary, this is a Kinyarwanda-English-Chinese dictionary. However, the lexicographical methodology used from the stage of collecting words to the writing of the dictionary itself was done in the Kinyarwanda language whereas their equivalents are in Chinese and English language. The collection of entry words was therefore conducted in the Kinyarwanda language. As a matter of precision, this dictionary is aimed at serving Kinyarwanda / Chinese speakers who have learned or are in the process of learning Kinyarwanda or Chinese.